

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBURANGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO



NOZA IMIBANIRE MU MURYANGO WAWU

Imfashanyigisho ivuguruye

KIGALI, MATA 2019

IRIBURIRO

Umuryango twifuriza umunyarwanda uwo ari we wese ni umuryango utekanye aho abawugize bose babanye mu mahoro kandi urangwa n'iterambere muri byose. Ababyeyi bafite inshingano zo kwita ku bana no kubaha uburere buboneye, bityo bakaba abaturage bitangira koko iterambere ryabo n'iry'igihugu kandi barangwa n'indangagaciro na kirazira zo mu mucu nyarwanda. Ibi bizatuma tugira umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza kandi ubayeho neza mu muryango utekanye¹.

Iyi mfashanyigisho yitwa “Noza Imibanire mu Muryango Wawe” ivuguruye yateguwe na Minisiteri y'Uburinganire n'iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) mu rwego rwo kuvugurura iyari isanzweho ngo hongerwemo zimwe mu nyigisho zikubiye mu mategeko yavuguruwe na gahunda nshya za Leta. Ayo mategeko ni aya akurikira: Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango;

1 *National Strategy for Transformation 1*

Itegeko N°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura; Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana n'Itegeko No 43/2013 ryo kuwa 16/06/2016 rigenga ubutaka mu Rwanda. Gahunda za Leta zongewemo ni izijyanye na gahunda mbonezamikurirey'abanabato(ECD),umugoroba w'ababyeyi, umuganda, abajyanama b'ubuzima, itorero ry'igihugu, n'inshuti z'umuryango.

Aya mategeko n'izi gahunda za Leta bizifashishwa mu gukumira no gukemura ibibazo bibangamira umuryango nyarwanda birimo ibi bikurikira: amakimbirane, ihohoterwa iryo ari ryo ryose, ubwicanyi, ubusambanyi, gucana inyuma hagati y'abashyingiranywe, gutana kw'abashyingiranywe, kunywa ibiyobyabwenge, inda ziterwa abangavu, ubuzererezi mu bana, kugwingira, n'ibindi.

Iyi mfashanyigisho ikubiyemo inyigisho zizatangwa mu buryo bw'ibiganiro kandi igenewe abagize umuryango bose, abayobozi b'inzego z'ibanze, abafatanyabikorwa batandukanye bashinzwe guteza imbere umuryango.

URUTONDE RW'IBIGANIRO BIGIZE IYI MFASHANYIGISHO

Isobanuramagambo.....	v
Ikiganiro cya 1: Itegere neza gushinga urugo.....	1
Ikiganiro cya 2: Menya agacirok'umuryango n'inshingano z'abawugize.....	4
Ikiganiro cya 3: Imakaza ibiganiro mu muryango wawe.....	7
Ikiganiro cya 4: Ubahiriza amategeko n'uburenganzira bwa buri wese mu bagize umuryango.....	10
Ikiganiro cya 5: Kumira amakimbirane, ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa mu ngo.....	16
Ikiganiro cya 6: Ita ku mikurire y'abana bawe, bahe uburere buboneye.....	23
Ikiganiro cya 7: Ganira n'abana ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro	30

Ikiganiro cya 8: Igisha abana ububi bwo kunywa ibisindisha no gukoresha ibiyobyabwenge.....	37
Ikiganiro cya 9: Imakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kandi ubitoze abana bawe.....	40
Ikiganiro cya 10: Gira uruhare muri gahunda za leta ziri mu mudugudu.....	43
Umusozo: Ba mu muryango utekanye.....	48
Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe.....	50

ISOBANURAMAGAMBO

Amakimbirane: ni ubushyamba, kutavugira rumwe cyangwa kutumvikana hagati y'abagize umuryango biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa kudahuza inyungu.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina: ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerezwe, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorwa mu ngo cyangwa hanze yazo.

Ihohoterwa rikorerwa mu muryango: ni ibikorwa bikorerwa mu muryango bikababaza umwe mu bagize umuryango, bikoze n'umwe mu bavugize cyangwa n'undi utari uwo mu muryango, bigamije kumwambura uburenganzira bwe, harimo kubabaza umubiri, umutima, kumuheza ku micungire y' umutungo...

Uburenganzira bwa muntu: ni ibyo umuntu wese ashobora gukora nta nkomyi no gukorerwa n'ababishinzwe, hamwe n'ubwigenge bwemewe n'amategeko igihugu kigenderaho ndetse n'ayo cyemeye mu rwego mpuzamahanga.

Uburinganire hagati y'abagabo n'abagore bisobanura ko abagabo n'abagore bafite agaciro, uburenganzira n'amahirwe bingana, cyane cyane mu byo bemererwa n'amategeko no muri gahunda z'igihugu. Uburinganire ni uburenganzira bwo kubaho umuntu wese avukana nta vangura rishingiye ko ari umukobwa cyangwa umuhungu.

Ubwuzuzanye ni uburyo abagore n'abagabo buzuzanya inshingano, buzuzanya mu miryango, aho abantu batuye n'umuco bagenderaho. Ni uburyo abagize umuryango bafatanyaga kubaka urugo rwabo, buri wese akagira icyo amara ku mirimo y'umuryango wabo bikurikije uburyo, umwanya, amikoro n'ubushobozi bwe. Icyo umwe ashoboye akunganira undi ntawe uvunisha undi cyangwa ngo amusiganye bigamije iterambere ry'umuryango wabo.

Umuryango: Umuryango ni ihuriro ry'abantu bafitanye isano rishingiye ku guhuza amaraso. Umuryango urangwa n'ishema ry'abavandimwe riva ku kuva inda imwe kandi abavandimwe baharanira kudatakaza iri shema. Umuryango uturuka ku gushyingirwa. Habaho umuryango muto (ugizwe n'umugore, umugabo n'abana babo) n'umuryango mugari (ugizwe n'abavandimwe bo ku ruhande rw'umugore n'urw'umugabo). Kubera amateka yaranze igihugu cyacu, hari n'imiryango y'abana birera cyangwa igizwe n'abapfakazi.

IKIGANIRO CYA 1: ITEGURE NEZA GUSHINGA URUGO



- Kubaka urugo ntibihubukirwa, biritonderwa kandi birategurwa. Buri wese abanza kumenya no gusobanukirwa imico, ingeso, n'indangagaciro z'uwo yifuzza kuzabana nawe zirimo izi zikurikira: kwiubaha no kubaha abandi, kwiyoroshya, kujya inama n'abandi, kutiyandarika, kunyurwa n'ibyo afite, kwirinda irari, muri make kuba **inyangamugayo**.
- Urugo ruramba ni urwubakiye ku **rukundo nyarwo rudashingiye** ku bintu (imitungo,

dipolome, icyubahiro, n'imiryango ikomeye). Urukundo nyarwo kandi ntirushingiye ku gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingiranwa, ahubwo rwimakaza umunezero urambye wa buri wese.

- Abitegura gushyingirwa bagomba gukunda kuganira kenshi kandi uwo muco wo kuganira bakazawukomeza no mu rugo bazashinga, bakanubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Ababyeyi bagomba kurekera abana babo uburenganzira bwo guhitamo uwo bazabana, ariko bakabagira inama yo gushishoza no guhitamo neza, bakagira uruhare mu myiteguro y'ubukwe bw'abana babo, kandi bakabafasha kubona inkwano, ibishyingiranwa no gutegura imigendekere myiza y'ubukwe bwabo.
- Inkwano si ikiguzi ahubwo ni ikimenyetso cy'urukundo n'umubano hagati y'imiryango yombi yahanye abageni. Kuyibura ntibyabuza abashyingiranwa gushyingirwa kandi nta tegeko rihana utayitanze.

- Ubukwe bugomba kujyana n'amikoro y'abagiye gushinga urugo ndetse n'imiryango yabo, bugakorwa hatabayeho gusesagura.

NIYEMEJE IKI?

- *Guhitamo uwo tuzabana nshingiye ku rukundo nyarwo, ntashingiye ku mitungo n' icyubahiro*
- *Kwirinda irari ryo gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa*
- *Guha umwanya ababyeyi bakangira inama bakagira n'uruhare mu mitegurire y'ubukwe bwanjye*
- *Kubaha uwo tuzubakana urugo no kuzuzanya, kumwitaho no kumushimisha*
- *Kwirinda gusesagura mu gihe cy'ubukwe bwanjye na nyuma yabwo*

IKIGANIRO CYA 2: MENYA AGACIRO K'UMURYANGO N'INSHINGANO Z'ABAWUGIZE

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 18, rivuga ko umuryango ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'abanyarwanda urengerwa na Leta kandi ko ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo.



- Umuryango ni urwego rw'ibanze umwana akuramo uburere. Niho yigira ururimi, umuco, indangagaciro zose, iyobokamana n'ibindi.
- Abashyingiranywe bakwiye kumenya ko kubaka urugo bigendana no kuzaza inshingano zabo zirimo: kubyara no guha uburere buboneye abo bibarutse, kwita ku burenganzira bwa buri wese mu bagize umuryango, gufata umwanya wo kuganira nk'abagize umuryango, gutunga urugo no guharanira iterambere rirambye ry'umuryango.
- Umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana muri byose, bafite n'inshingano zingana mu bwuzuzanye. Buri wese agomba kumva ko ibyiza bagomba kubisangira bakabyishimanamo, ibibahungabanya bakabishakira ibisubizo bafatanyije.
- Buri wese agomba guha mugenzi we bashyingiranywe icyo amukeneyeho uko bishoboka kose.

- Buri wese mu bagize umuryango akwiye kwirinda imyifatire mibi mu bandi kuko bisebesha umuryango (gusinda, kwiandarika, kwibona...).
- Ni byiza gufata neza uwo mwashyiranywe nko kumuganiriza, kumwishimira no kumushimira, kumutega amatwi, kutarangara mu gihe akeneye ko muganira n'ibindi.

NIYEMEJE IKI?

- *Kubaha uwo twashyiranywe, gufatanya no kuzuzanya nawe, kumwitaho no kumushimisha muri byose*
- *Kuzuzanya inshingano zanjye z'urugo n'iza kibyezi*
- *Kwirinda imyifatire mibi mu bandi isebesha umuryango wanjye*
- *Kujya inama mu muryango ku buzima bw'umuryango*
- *Gushyira hamwe nk'abagize umuryango no guharanira kuwuteza imbere*
- *Kumenya ibyo mugenzi wanjye ankeneyeho nkabimuha*
- *Gusangira n'uwo twashyiranywe ibyiza tukabyishimanye, ibiduhungabanya tukabishakira ibisubizo dufatanyije*

IKIGANIRO CYA 3: IMAKAZA IBIGANIRO MU MURYANGO WAVE



Kuganira kenshi n’uwo mwashyingiranywe no kumutega amatwi bizana ubwumvikane mu rugo. Kuganira hagati y’ababyeyi n’abana bitera ibyishimo n’ubwisanzure mu bagize umuryango. Abagize umuryango bakwiye gushaka amakuru y’imvaho bakayasangiza abawugize hagamijwe kwirinda impuha kuko zitubaka.

Kuganira hagati y’abagize umuryango, kumenya gutega amatwi mu ihererekanyamvugo, kumva ibitekerezo by’abandi, kuja inama no gufatira hamwe umwanzuro kuri gahunda zireba urugo bituma habaho ituze mu muryango.

- Mu kuganira hagomba kubaho kubaha igitekerezo cy'undi, hakirindwa gusebanya, gusenyanana, kandi hakagenwa ahantu ho kuganirira bitewe n'ubwoko bw'ibiganiro.
- Biba byiza iyo abagize umuryango bahawe urubuga rwo gutanga ibitekerezo ku byerekeye gukoresha umutungo, guteza imbere urugo rwabo kandi bakabwizanya ukuri muri byose.
- Nk'uko abashyingiranywe baganira ku byubaka umuryango, bagomba no gushaka umwanya wo kuganira ku mibonano mpuzabitsina. Mbere yo gukora imibonano mpuzabitsina hakwiye kubaho kuganira no gutegurana kuko iyo ikozwe yateguwe neza ibashimisha bombi, naho iyo itateguwe bishobora gusenyanana urugo. Gutegurana bikorwa uguyaguya mugenzi wawe, ukamureba neza, ukamugaragariza urukundo, ukamusekera n'ibindi byiza bishoboka.

- Imibonano mpuzabitsina y'abashyingiranywe igomba gukorwa mu ibanga, ku buryo abana batabyumva ngo babagirire amatsiko yatuma bashobora cyangwa bifuzwa kubikora.
- Kwirindaguca inyuma uwo washyingiranywe bituma habaho kwizerana kandi urukundo rukiyongera. Gucana inyuma bigira ingaruka zikomeye mu rugo zirimo kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nk'imatezi, mburugu na SIDA, bitera amakimbirane, gusesagura umutungo w'urugo uwujyana mu nshoreke, kubyarana n'uwo mutashyingiranywe, gutandukana kw'abashyingiranywe n'ibindi.

NIYEMEJE IKI?

- *Kuganira kenshi n'abagize umuryango bese*
- *Gushaka amakuru y'ukuri no kuyasangiza abagize umuryango kugira ngo hirindwe impuha*
- *Kunozwa imibonano mpuzabitsina n'uwo twashyingiranywe no kutamuca inyuma*
- *Gutegura mugenzi wanjye mbere yo gukora imibonano mpuzabitsina muguyaguya, mureba neza, mugaragariza urukundo, musekera mbese mukorera ibyiza*

IKIGANIRO CYA 4: UBAHIRIZA AMATEGEKO N'UBURENGANZIRA BWA BURI WESE MU BAGIZE UMURYANGO



Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu ni ibintu umuntu wese avukana kandi yemererwa n'amategeko nk'uko bugaragara mu masezerano mpuzamahanga atandukanye no mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugawe muri 2015.

- Muri bumwe mu burenganzira bw'ibanze bwa muntu twavugamo : uburenganzira bwo kubaho, kudahungabanywa ku

mubiri no mu mutwe, uburenganzira bwo gushyingirwa no kugira umuryango, kugira umutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo afatanyije n’abandi, guhitamo idini , kugira ubuzima bwiza, kudakorerwa ivangura iryo ari ryo ryose ryaba irishingiye ku bwoko, ku ibara ry’uruhu, ku gitsina, ku rurimi, ku idini, ku bitekerezo bya politiki, uburenganzira bwo kugira imibereho myiza inyuranye (uburezi, icumbi, kuvuzwa, kugaburirwa, uburenganzira ku mutungo). Buri wese mu bagize umuryango agomba kutabangamira uburenganzira bwa mugenzi we kandi ufite ubumuga akitabwaho by’umwihariko kubera imiterere ye.

- ***Mu itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’umuryango,*** ingingo ya 168 ivuga ko umuhungu n’umukobwa bujuje imyaka 21 y’ubukure aribo bemerewe gushyingirwa kandi bakaba badafite isano y’ubuvandimwe iziguye kugeza ku gisanira cya karindwi. Abashyingiranywe bagira uburenganzira n’inshingano bingana byo kwita ku rugo

rwabo, ku bana babo ndetse no kuri bo ubwabo. Ugushyingirwa guseswa n'urupfu rw'umwe mu bashyingiranwe cyangwa gutana burundu byemejwe n'inkiko.

- Nyuma yo gushyingirwa, abashyingiranywe bafatanya ubuyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho kugira ngo rugwize umuco mwiza n'ibirutunga no kurwubaka rugakomera (Ingingo ya 209): ibi bigaragaza rya hame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo mu iterambere ry'umuryango wabo. Iri tegeko kandi mu ngingo ya 100 rivuga ko umwana wese agomba kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere mu minsi 30 kuva avutse nta mananiza n'amwe abayeho.
- Ku bireba umwana by'umwihariko, bumwe mu burenganzira afite bukubiye mu ***Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana.*** Ingingo ya 4 ivuga ko umwana afite uburenganzira ku mikurire iboneye, kandi ko buri mubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana

kuva agisamwa kugira ngo agire imikurire iboneye.

- Iri tegeko kandi mu ngingo yaryo ya 28 riteganya ibihano ku muntu wese uhoza umwana ku nkeke cyangwa umuha ibihano biremereye cyangwa bitesha agaciro harimo n'ibyo ku mubiri. Mu ngingo ya 32 y'iri tegeko, umubyeyi cyangwa umwishingizi utubahiriza inshingano ze za kibyezi, ku buryo byagira ingaruka mbi ku buzima bw'umwana, ku mutekano we, ku mibereho ye cyangwa bigatuma umwana yishora mu buzererezi ahanwa n'amategeko.
- Ku birebana n'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, **Itegeko N°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura** rivuga ko imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe iri mu buryo butatu (3): ivangamutungo rusange; ivangamutungo w'umuhahano n' ivanguramutungo risesuye.



- Buri wese mu bashyingiranywe agomba kugira uruhare mu kongera no gucunga neza umutungo w'umuryango. Iri tegeko kandi ritanga uburenganzira bungana ku bana b'abakobwa n'abahungu mu kuzungura (ingingo ya 54).
- Ku birebana n'ubutaka, ingingo ya 4 y'Itegeko **No 43/2013 ryo kuwa 16/06/2016 rigenga ubutaka** mu Rwanda ivuga ko uburenganzira ku butaka hagati y'umugabo n'umugore bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko buterwa n'icungamutungo bahisemo. Niyo mpamvu akenshi ku byangombwa byacu by'ubutaka

kuri bamwe dusanga handitseho 50% ku mugabo na 50% ku mugore.

- Hari igihe umuntu atakaza uburenganzira bwe iyo yanyuranyije n'amategeko ariko hari uburenganzira ntakumirwa nko kubaho. Niyo mpamvu igihano cyo kwicwa cyavanywe mu bihano mu Rwanda no henshi ku isi.

NIYEMEJE IKI?

- *Kutabangamira uburenganzira bwa buri wese mu bagize umuryango wanjye*
- *Kubahiriza amategeko arengera umuryango n'abawugize no gushishikariza abandi kuyubahiriza*
- *Kwandikisha umwana wanjye akivuka mu minsi 30 nkanubahiriza uburenganzira bwe bwose*
- *Guhitamo uburyo bw'imicungire y'umutungo butunogeye tubyumvikanyeho n'uwo tuzashyingiranw*

IKIGANIRO CYA 5: KUMIRA AMAKIMBIRANE, IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA N'IRIKORERWA MU NGO



- Amakimbirane ni ubushyamirane, kutavuga rumwe, ukutemeranywa ku bitekerezo cyangwa ku bintu runaka, hagati y'abantu babiri cyangwa benshi, biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa inyungu, bigatuma umubano w'abantu uburamo umudendezo n'ubwizansure. Habaho **ubwoko** bune bw'amakimbirane: asanzwe

(yoroheje ku buryo no kuyakemura byoroha), asasiweho (ni aza hagati y'abagize umuryango ntakemurwe ahubwo bagakomeza kurenzaho ku buryo bibibazo bigenda bikura bikazaba bibi), ayashinze imizi (ni akemeye kandi no kuyamemura bigatwara ingufu nyinshi) n'ayo mu muntu imbere.

- Zimwe *mu mpamvu* zitera amakimbirane mu muryango harimo izishingiye ku mutungo, izishingiye ku mibanire y'abantu, n'izishingiye ku mucu. Mu zishingiye ku **mutungo**, harimo izirebana no gupfa ubutaka n'izungura ndetse n'ubukene mu miryango (abasangira ubusa bitana ibisambo), kutumvikana ku micungire y'umutungo w'abashyingiranywe. Mu mpamvu zishingiye ku **mibanire y'abantu** harimo kutaganira hagati y'abashashyingiranywe, gucana inyuma/ ubusambanyi, ikibazo cy'ubuharike, ubusinzi no gukoresha ibiyobyabwenge, kubana abantu batarasezeranye, umujinya ukabije, kamere mbi n'urugero rubi


rw'ababyeyi imbere y'abana.

- Hari kandi gushakana kw'abantu bataziranye neza no gukurikira imitungo; kuba bamwe mu bashyingiranywe baheranwa n'akazi ku buryo kuzuza inshingano z'ibanze z'urugo binanirana, ubwumvikane bukaba buke. Mu mpamvu zishingiye ku **muco**, harimo kuba umuco nyarwanda warahaga agaciro karenze umugabo n'umuhungu, imyumvire yo kudahinduka vuba, ubujiji, imvugo zimwe na zimwe zimakajwe mu muco w'abanyarwanda mu bihe byashize zipfobya abagore, n'ibindi. Hari kandi n'ingaruka za Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 zituma hari abantu badaha agaciro ubuzima, ahubwo bagaha agaciro ibintu.
- **Gukumira amakimbirane** bisaba ibi bikurikira: (1)kujya inama no gufatira hamwe ibyemezo bireba umuryango hakiri kare; (2)gusaranganya umutungo w'urugo neza; (3)kubahiriza uburenganzira bwa buri wese mu muryango; (4) kugisha inama no kubahiriza amategeko (5)

gushyira imbere indangagaciro na kirazira zatuma abashyingiranywe barambana arizo ubworoherane, gushyira imbere ubumwe bw'umuryango n'ubuvandimwe, ibiganiro no gutoza abato ubupfura, ubunyamangamugayo no kuba intore.

- **Gukemura amakimbirane** hakiri kare bikurinda ingaruka zayo kuko ntizigera ku bashyingiranywe gusa ahubwo zigera no ku bana, imiryango, inshuti, abaturanyi n'igihugu muri rusange zirimo kurwana, kwicana, indwara zidakira, guhungabana, kukita ku bana, kudindindira mu iterambere n'izindi.
- Mu buryo bwo gukemura amakimbirane mu muryango harimo (1) Ibiganiri hagati y'abafitanye ibibazo; (2) imishyikirano hagati y'abagiranye ibibazo; (3) ubuhuza; (4) kuburanira mu nkiko. Muri ubu buryo bwose, ubwiza ni **ibiganiro** n'**imishyikirano** ariko iyo munaniwe kumvikana ubwanyu, ni byiza gushaka **umuhuza** byananirana mugakizwa n'inkiko.

- Mbere y'uko mwitabaza inkiko ni ngombwa kwitabaza inama y'umuryango kuko ari rwo rwego ruteganywa n'amategeko rwemewe rusuzumirwamo ibibazo byo mu muryango.
- Usibye kwirinda amakimbirane, abagize umuryango bagomba kwirinda **n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina** mu muryango wabo kuko rihanwa n'amategeko.
- Amoko y'ihohoterwa akunze kugaragara mu miryango ni aya akurikira: irikorewe ku gitsina, irikomeretsa umubiri, irikomeretsa umutima, n'irishingiye ku mutungo.
- Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana rihana abasambanya abana. Ingingo ya 133, ivuga ko umuntu wasambanyije umwana ufite imyaka 14 ariko utarageza ku myaka 18 ahanishwa igifungo kitari munsu y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25; naho uwasambanyije umwana uri munsu y'imyaka 14 ahabwa igihano cy'igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa.



- Mu rwego rwo kwirinda gusibanganya ibimenyetso, birabujijwe gukarabya cyangwa guhanagura umwana cyangwa undi muntu wasambanyijwe ku ngufu kandi birabujijwe no guhindurira imyenda yari yambaye ahubwo ni byiza kumwihutana kuri Isange One Stop Center (IOSC) ikorera ku bitaro by'uturere hose mu gihugu cyangwa ku kigo nderabuzima kikwegereye ahabwe serivisi zose ku buntu. Izi serivisi zirimo ubuvuzi, guhabwa imiti imurinda kwandura virus itera SIDA, imiti imurinda gutwita (niba ari umukobwa), gufashwa gutanga

ikirego no kugirwa inama z'isanamitima. Ugomba kandi no guhamagara kuri nimero zitishyuzwa zikurikira: RIB (116 cyangwa 3512); GMO (5798), NPPA (3677), MIGEPROF (2560), MINADEF (3545), MINIJUST (3736), Umuvunyi mukuru (199) na NCHR (3430).

- Amakimbirane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bisenya umuryango n'igihugu muri rusange bikaba byatuma habaho no gutana kw'abashyiranywe bikagira ingaruka ku mibereho y'abana ndetse no ku gihugu.

NIYEMEJE IKI?

- *Kwirinda icyazana amakimbirane mu muryango wanjye*
- *Gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango*
- *Kwihanganirana, kubabarirana hagamijwe amahoro n'ibyishimo mu muryango*
- *Kwirinda gusibanganya ibimenyetso mu gihe hari uwasambanyijwe ku ngufu*
- *Kwihutira gutanga amakuru ku nzego zibishinzwe mu gihe hari uwahohotewe*
- *Kwihutira kujyana uwahohotewe kuri Isange One stop centre (aho ziri) cyangwa ku ivuriro*

IKIGANIRO CYA 6: ITA KU MIKURIRE Y'ABANA BAWU, BAHE UBURERE BUBONEYE



Kwita ku mikurire myiza y'umwana mu minsi 1,000 ya mbere y'ubuzima bwe kuva agisamwa kugeza ku myaka 2 ni ingenzi ku mikurire ye, haba mu gihagararo, mu mibanire ye n'abandi, mu bwenge no mu mbamutima. Ni yo mpamvu umubyeyi utwite agomba gufata indyo yuzuye kandi ihagije no mu gihe yonsa.

- Umwana ukiri mu nda akeneye guhabwa urukundo n'urugwiro binyuze ku mubyeyi we, kandi bigakorwa n'abagize umuryango bose (umugabo, abandi bana) baganiriza inda y'umubyeyi mu magambo meza, bakorakora ku nda, baririmba, bamucurangira mu majwi atandukanye, kumwumvisha radiyo, bamubwira ko bamukunda, ko biteguye kumwakira neza avutse n'ibindi.



- Umwana ukivuka atungwa n'amashereka ya nyina gusa nta kindi avangiwe (habe n'amazi) mu mezi 6 ya mbere. Atangira guhabwa imfashabere igizwe n'indyo yuzuye kuva ku mezi 6 avutse kugeza ku mezi 24, bikamurinda kugwingira, agakura neza kandi afite ubuzima bwiza.
- Gukingiza umwana inkingo zose ku kigo nderabuzima cyangwa ku bitaro uko ziteganyijwe bimurinda indwara zizahaza abana.
- Kwita ku bana by'umwihariko bari mu nsi y'imyaka 6 bashyirwa mu ngo mbonezamikurire y'abana bato (ECD) kandi bafashwa n'abarimu n'abafashamyumvire bahuguriwe kubitaho mu mutekano usesuye bigomba kwitabwaho na buri mubyeyi. Bituma abana bakura neza batagwingiye, bafite isuku, bazi ubwenge kuko ubwonko bwabo buba bwarakanguwe hakiri kare. Bituma kandi abana bakurana urugwiro n'ubwenge butuma biga neza mu mashuri yabo.

- Gukura k'umwana gutangira akiri mu nda bigakomeza mu bwana, mu bugimbi n'ubwagavu ndetse no mu bindi byiciro bikurikiraho. Niyo mpamvu abana bakenera ubufasha mbere na mbere bw'ababyeyi babo mu kwitwara neza mu byiciro byose by'ubukure kuko aribo barimu b'ingenzi mu ntango y'ubuzima bw'umwana.



- Ababyeyi bagomba kwishyira hamwe bakishyiriraho ingo mbonezamikurire y'abana bato (ECD) aho batuye. Ibi bibafasha kwita ku mikurire n'uburere bwiza bw'abana

babo no kurwanya igwingira ryabo, ihohoterwa iryo ari ryo ryose n'ubuzererezi.

- Ababyeyi bagomba kuyobora amarangamutima y'abana babo babaha urukundo ruhagije kandi birinda kubatuka, kubakubita, kubahutaza no kubima ibyo bakeneye igihe bishobora kuboneka (bitaboneka, abana bagasobanurirwa impamvu bitabonetse), bagahabwa amakuru n'ubumenyi bakeneye bijyanye n'ikigero bagezemo bakabafasha kwisanzura mu bitekerezo, gukura neza mu burere bababera intangarugero, kubasobanurira ibyo babona n'ibyo bumva, amakuru ku mihindagurikire y'umubiri wabo bakabaha n'umwanya wo gusobanuza.
- Ababyeyi bagomba gufasha abana kwirinda imyitwarire igayitse nko kwiyandarika, gusuzugura, kwirata, kwiyemera, kugira umwanda, kwitinya, kugira ubusambo, kugira uburakari, kwivumbura, kutubaha ababyeyi, gutukana, kugira ubugome, no kugira ivangura.


- Mu burere buboneye ababyeyi bagomba guha abana, bagomba gushingira ku ndangagaciro z’umunyarwanda zirimo gukunda igihugu, kwihesha agaciro, kwiyubaha no kubaha abandi, kugira ubumwe n’abagize umuryango, ubufatanye, urukundo n’ubworoherane, kurangwa n’ubupfura, ubudahemuka n’ubushishozi n’ibindi. Bakwiye kubatoza kandi kubaha no kumvira ababyeyi babafasha mu mirimo ijyanye n’ubushobozi bwabo, kubaha abarezi, abana bagenzi babo n’abandi bose.
- Ababyeyi bagomba kuganiriza abana babo ku bubi bwo kwishora mu ngeso mbi zitandukanye, zirimo ubuzererezi, ubwamanzi, ubusambanyi, ubujura n’ibindi ahubwo bakigishwa ku kunyurwa n’ibyo ababyeyi/abishingizi babaha, bakirinda kurarikira ibintu byinshi no kugendana na bimwe mu bigezweho bishobora kubabera umutego wo kugwa mu bishuko.

NIYEMEJE IKI?

- *kuva agisamwa kugeza ku myaka ibiri (2)*
- *Kwitabira inkingo ku mugore utwite no ku bana*
- *Gukangurira abandi babyeyi bo mu mudugudu ntuyemo ko twishyiriraho urugo mbonezamikurire y'abana bato (ECD)*
- *Gutoza abana kumvira ababyeyi, kugira imigenzereze myiza, ikinyabupfura no gukora imirimo yo mu rugo ijyanye n'ikigero bagezemo*
- *Guha abana banjye uburere buboneye bushingiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda birinda imyitwarire igayitse*
- *Guha abana urugero rwiza muri byose*

IKIGANIRO CYA 7: GANIRA N'ABANA KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE, NO KUBONEZA URUBYARO

Ibihinduka ku mubiri w'ingimbi n'uw'umwangavu



Imikurire y'abana ica mu byiciro bitandukanye, ariko icyiciro kiri hagati y'imyaka 10 na 24 kibamo impinduka nyinshi ku bana. Ku bakobwa cyitwa “ubwangavu” naho ku bahungu, cyikitwa “ubugimbi”.

- Abana bari muri iki cyiciro, bagira amatsiko menshi yo kumenya impinduka bagira ku mubiri no mu bitekerezo, niyo mpamvu bagomba gusobanurirwa neza izo mpinduka zose kugira ngo bashobore kwitwara neza

mu rwego rwo kwirinda ingorane zose bashobora guhura nazo muri icyo kigero;

- Impinduka **ku mubiri w'umwangavu** zigaragarira ku gukura vuba mu gihagararo, gutangira kumera amabere akagenda akura uko n'umwangavu akura (ubunini bw'amabere buterwa n'imisemburo afite mu mubiri), kumera insya n'incakwaha, kwaguka kw'amatako mu rukenyerero hakaba hato, guhinduka k'uruho rwo mu maso no mu mugongo (rugira ibinure bigatera ibishishi kuri bamwe), kujya mu mihango bwa mbere no gukomeza gukura kw'imyanya ndangagitsina.
- Impinduka **ku mubiri w'ingimbi** zigaragarira mu gukura mu gihagararo, kwiyongera kw'ingufu z'umubiri, kumera insya, incakwaha, ubwanwa n'impwempwe (kuri bamwe), kuniga ijwi, kwaguka kw'ibitugu n'igituza, guhinduka k'uruho rwo mu maso no mu mugongo (rugira ibinure bigatera ibishishi kuri bamwe), kwirotaraho no gukura kw'imyanya ndangagitsina.

- Impinduka mu **myitwarire** y'ingimbi n'umwagavu zo zigaragazwa no guhindagurika mu mico no mu myitwarire, gushaka kwigenga no gushaka kwibana wenyine, kurarikira ibigezweho, guha agaciro gakomeye ibyo bagenzi be bavuze cyangwa bakoze rimwe na rimwe kurusha ibyo ababyeyi bamubwiye. Abangavu n'ingimbi batangira kwifuzza abo badahuje igitsina no gutangira kubashakaho ubucuti, kwita cyane ku mibiri yabo nko kwiyitaho, kwisukura, kwambara neza n'ibindi.
- Ni byiza rero ko ababyeyi baganira n'abana babo b'abangavu n'ingimbi mu bwisanzure n'ubwubahane, bakareka abana bakabasangiza uko biyumva mu marangamutima yabo, bakabatega amatwi nyuma bakabagira inama yo kwitwara neza no kwirinda kujya mu ngeso mbi zabashora mu busambanyi no mu gukoresha ibiyobyabwenge.
- Abasore n'inkumi bafite imyaka 20-24, bo baba bamaze gukura, kandi nta mpinduka


ku mubiri ziba zigitegerejwe. Bimwe mu byo umubyeyi ashobora kuganiriza umwana ugeze muri iki kigero harimo kumushishikariza gukomeza kwitwara neza, akiga ashyizeho umwete, kumubaza uko yumva aziteza imbere no kumugira inama, kuzigama n'ibindi

- Ababyeyi bafite inshingano zikomeye zo gukomeza guha abana n'urubyiruko uburere bubonye, babasobanurira imihindagurikire y'imibiri yabo n'uko bagomba kwitwara ndetse bakabaha amakuru nyayo ku buzima bw'imyorokere bakabarinda kandi bakabagira inama yo kutagira imyitwarire ibajyana mu mibonano mpuzabitsina.
- Urubyiruko rugomba kwigishwa ububi bwo gukora imibonano mpuzabitsina batarashyingirwa kuko bigira ingaruka mbi ku buzima bwabo, cyane cyane ko bishobora kubabera intandaro yo kubyara imburagihe no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harirno virusi itera SIDA na virusi zitera indwara z'umwijima.

- Ni byiza kwigisha urubyiruko kwirinda gukoresha nabi ikoranabuhanga, kwakira imico y'amahanga badashunguye no kwirinda kwiandarika.
- Ni byiza ko urubyiruko rwirinda kunywa ibisindisha, gukoresha ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi zatuma bakora imibonano mpuzabitsina bakiri abangavu n'ingimbi.
- Ni ngombwa kumenyesha urubyiruko ko rwashyiriweho gahunda zihariye ku buzima bw'imyorokere zizwi **nk'icyumba cy'urubyiruko** kiba muri buri kigo cy'urubyiruko no kumenya kandi ko izo serivisi ziboneka no mu bitaro byose, mu bigo nderabuzima no mu mavuriro yose ari muri buri Karere no kubashishikariza kugana ibyo bigo. Bagomba kumenyeshwa kandi ko n'abajyanama b'ubuzima batanga zimwe muri izo serivisi ku rwego rwa buri mudugudu, Urubyiruko kandi rugomba kujya bajya muri za "clubs" zitandukanye kugira ngo babone amakuru ahagaije

kandi barusheho kwiyoungura ubwenge ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, bityo bazarusheho kwitwara neza.

- Ku bijyanye no **kuboneza urubyaro**, ni inshingano y'umugore n'umugabo, ariko n'abangavu n'ingimbi nabo bakwiriye guhabwa amakuru kuri serivisi zo kuboneza urubyaro hakurikijwe ikigero cy'imyaka bagezemo. Bumwe mu buryo bwo kuboneza urubyaro, nko gukoresha agakingirizo burinda gutwita imbura gihe no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.



Kutaboneza urubyaro bituma abagize umuryango babaho ubuzima bubaho

- Kutaboneza urubyaro bituma abantu babyara abana benshi badashoboye kurera. Zimwe mu ngaruka ziterwa no kubyara abana batateganyijwe ku muryango no ku gihugu harimo ubukene bw'akarande, kubura ibya ngombwa byo kwita ku bana nk'ibyo kurya bihagije, kubura ubushobozi bwo kwigisha abana, kutavuzwa neza, n'ibindi.
- Ni byiza ko ababyeyi basobanurira abana hakiri kare imiterere n'imikorere y'imyanya ndangabitsina, bityo bagakura bazi guhitamo uburyo bwo kuboneza urubyaro bitabagoye.

NIYEMEJE IKI?

- *Kubera abana urugero rwiza, nirinda ingeso mbi zose*
- *Guha abana uburere bwiza n'ibindi by'ibanze bakenera kugira ngo bakure neza*
- *Gusobanurira abana impinduka zijyanye n'imikurire yabo n'uburyo bagomba kwitwara neza muri buri kigero cy'imikurire*
- *Kuganira n'abana banjye (abahungu n'abakobwa) ku buzima bw'imyorokere n'uko bakwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina*
- *Kuganira ku bijyanye no kuboneza urubyaro.*
- *Kugana ibigo nderabuzima mu rwego kudufasha kuboneza urubyaro*

IKIGANIRO CYA 8: IGISHA ABANA UBUBI BWO KUNYWA IBISINDISHA NO GUKORESHA IBIYOBABWENGE



*Ibiyobyabwenge byangiza ubuzima bw'ubikoresha
n'ubw'abandi*

- Abahanga mu by'ubuzima bavuga ko ibiyobyabwenge ari bibi cyane kuko bihindura imigirire n'imitekerereze, bigatuma uwabifashe ashobora gukora ibikorwa atagambiriye kandi bihungabanya uburenganzira bw'abandi
- Urubyiruko rukoresha ibiyobyabwenge kuko hari icyo bihindura ku wabinyoye akagira ingufu zidasanzwe kandi agatinyuka cyane ibintu bimwe na bimwe umuntu

utabifashe atakora kenshi bitari byiza. Zimwe mu mpamvu zituma abana cyangwa urubyiruko bafata ibiyobyabwenge harimo **amakimbirane** y'ababyeyi no guhoza abana ku nkeke bakivumbura. Ababyeyi rero bakaba bakwiye kwirinda amakimbirane kugira ngo barinde abana babo kwishora mu biyobyabwenge.

- Ni byiza kwirinda gukoresha ibiyobyabwenge kuko bigira ingaruka nyinshi zirimo iz'uburwayi butandukanye nk'ubw'umwijima, ubw'umutima, ubwonko n'imyakura, indwara z'ubuhumekero, kanseri, n'izindi. Ibiyobyabwenge kandi bitera gutakaza ubushake bwo gukora, ubushobozi bwo gufata mu mutwe, agahinda gakabije no kwiyahura, amakimbirane, ubwamanzi n'ibindi.
- Ni ngombwa kumenya ko gukoresha ibiyobyabwenge, kubikora, kubicuruza ari icyaha gihanwa n'amategeko. Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, mu ngingo

yaryo ya 263, rihana ryinahanukiriye umuntu wese ufatanwa, ukoresha ibiyobyabwenge, ku buryo bukomeye harimo n'igifungo cya burundu. Abo ni abateka kanyanga n'izindi nzoga z'inkorano nka kimbazi, nyirantare, muriture, abahinga urumogi, abatwara ibiyobyabwenge n'ababicuruza.

NIYEMEJE IKI?

- *Kwirinda gusinda no gukoresha ibiyobyabwenge*
- *Gukangurira abakoresha ibiyobyabwenge kubireka*
- *Kudatererana uwahuye n'ibibazo bitewe no gukoresha ibiyobyabwenge*
- *Kurwanya impamvu zose zatuma urubyiruko rukoresha ibiyobyabwenge*
- *Kuganiriza abana banjye ku bubi bw'ibisindisha n'ibiyobyabwenge*
- *Gutanga amakuru ku babishinzwe, y'abantu bose bakoresha cyangwa bakwirakwiza ibiyob*

IKIGANIRO CYA 9: IMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE KANDI UBITOZE ABANA BAWWE

- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo ni ngombwa mu iterambere ry'umuryango. Umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana, inshingano n'uruhare bingana mu kwiteza imbere no kwita ku burere bw'abana babo bityo bombi bagatera imbere mu mibereho myiza no mu bukungu.
- Kutita ku buringanire n'ubwuzuzanye bifite ingaruka nyinshi, zimwe muri zo ni: intonganya; kurwana n'ubwicanyi hagati y'abagize umuryango; kurwara ntuvuzwe; idindira n'uburere buke bw'abana, ubukene kubera gusigana cyangwa kutuzuzanya inshingano uko bikwiye, n'ibindi.

-



Uburinganire ni inkingi y'iterambere rirambye ry'urugo n'iry'igihugu

- Gufatany n'uwu mwashyiranywe **mu mirimo yo mu rugo** bituma buri wese abona umwanya wo kwitabira ibikorwa by'iterambere kandi akagira ubuzima bwiza.
- Nta n'ubwo bikwiye guteza amakimbirane mu ngo, abashyiranywe bagomba kubaho bubahana ntawe ubangamira undi. Ababyeyi bagomba gutoza abana b'abahungu n'abakobwa gufatany mu mirimo yose ntawe uvunisha undi.

- Abashyingiranywe bakwiye gufatanyaga gushakira umutungo w'umuryango, bakawuhuriza hamwe bakanumvikana ku mikoreshereze yawo ku nyungu z'umuryango. Bagomba guharanira ko uwo mutungo wiyongera kandi bakirinda kuwusesagura.
- Iterambere ry'umuryango rishingiye ku buringanire, ubwuzuzanye n'ubwumvikane bw'umugore n'umugabo, ribaha ubushobozi, nta gusigana, bwo gutanga uburere n'uburezi buboneye ku bana babo.


NIYEMEJE IKI?

- *Kugendera ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango wanjye no kubitoza abana*
- *Gufatanyaga n'abagize umuryango muri byose cyane cyane mu nshingano z'urugo ntawe uvunisha undi*
- *Kumvikana ku micungire myiza y'umutungo w'umuryango, kuwongera no kwirinda kuwusesagura no gukora ibikorwa bigamije guteza imbere umuryango*
- *Guha abana bose (abahungu n'abakobwa) amahirwe angana mu kwiga, kuvuzwa, guhabwa agaciro, ijamba n'ibindi.*

IKIGANIRO CYA 10: GIRA URUHARE MURI GAHUNDA ZA LETA ZIRI MU MUDUGUDU

- Mu rwego rwo kwiteza imbere no kugira imibereho myiza, hari gahunda zashyizweho mu mudugudu zifasha abagize umuryango kurushaho gufatanya no kunga ubumwe. Zimwe muri izo gahunda ni ***umugoroba w'ababyeyi, inshuti z'umuryango, abajyanama b'ubuzima, umuganda, itorero*** n'izindi.
- ***Umugoroba w'ababyeyi*** ni urubuga rugamije gushishikariza imiryango kugira umuryango utekanye, rufasha kubona ibisubizo by'ibibazo bimwe na bimwe umuryango ushobora guhura na byo, rufasha mu gukumira no gukemura amakimbirane mu muryango; gushimangira imibanire n'imibereho myiza y'abagize umuryango, gutanga uburere buboneye ku bana no guteza imbere ubukungu mu miryango hagamijwe imibereho myiza y'abawugize.

- Abagore n'abagabo bose harimo abarimu, abaganga, abayobozi bo mu nzego zose, abacuruzi, abikorera, abanyamadini n'amatorero n'abo mu bindi byiciro bitandukanye batuye mu mudugudu umwe, bagomba kwitabira umugoroba w'ababyeyi kandi bagatanga ibitekerezo bifasha kubaka umuryango utekanye.
- Abagize umuryango bakwiye kwegera **Inshuti z'Umuryango** zigizwe n'abakorera bashakira bashinzwe kurengera umuryango kugira ngo babagire inama muri gahunda zitandukanye zirimo kunoza imibanire myiza hagati y'abagize umuryango, kwiteza imbere, kwita ku burere bw'abana, kwirinda amakimbirane, gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kurengera umwana n'ibindi.



Inshuti z'umuryango zisura abagize umuryango zikabafasha gukemura ibibazo

- Ni byiza kwegera **abajyanama b'ubuzima** kugira ngo babafashe mu bikorwa bibungabunga ubuzima bw'umwana na nyina ndetse n'ubw'umuryango muri rusange nko kuvura indwara zitararengerana nka malariya, inzoka zo mu nda, umusonga, impiswi n'izindi.

- Abajyanama b'ubuzima bigisha kandi abagize umuryango ibirebana no kwirinda indwara, guhabwa inkingo, kuboneza urubyaro, ubuzima bw'imyororokere, isuku n'isukura by'umuntu ku giti cye n'aho atuye hagamijwe kurwanya umwanda, kurwanya imirire mibi mu bana bigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye n'ibindi.
- Ni ngombwa ko abagize umuryango bose barengeje imyaka 18 bitabira **umuganda rusange** kuko ukorerwamo ibikorwa biteza imbere aho batuye kandi bakungurana n'abaturanyi ibitekerezo kuri gahunda za Leta zitandukanye. Kwitabira umuganda bifasha kumva ubutumwa burimo inyigisho zifasha abagize umuryango kubana neza, gukumira amakimbirane hagati yabo, kunoza imirire mu bagize umuryango, kurinda abana kugwingira, kwita ku buzima bw'abagize umuryango, gukingiza abana n'abagore batwite, kugira isuku mu ngo, kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko n'izindi.

- Abagize umuryango kandi bagomba kwitabira **itorero ry'igihugu** kuko ari umuyoboro mwiza wigishirizwamo gahunda zitandukanye za Leta zigamije gushimangira kumenya amateka, umuco, indangagaciro na kirazira by'u Rwanda.
- Abagabo, abagore n'urubyiruko bose bakwiriye guharanira kuba intore mu mudugudu batuyemo.

NIYEMEJE IKI

- *Kwitabira no kudasiba mu mugoroba w'ababyeyi kandi ngatangamo ibitekerezo*
- *Kumva inama ngirwa n'inshuti z'umuryango*
- *Kwisunga no gukurikiza inama mpawe n'abajyanama b'ubuzima*
- *Kwitabira umuganda rusange n'ibikorwa by'isibo mu mudugudu ndimo*
- *Kwitabira n'izindi gahunda za Leta harimo gahunda y'ubwisungane mu kwivuza, gukorera ku muhigo n'izindi.*

UMUSOZO: BA MU MURYANGO UTEKANYE

Bimwe mu by'ingenzi biranga umuryango utekanye ni ibi bikurikira:

Umuryango utekanye ni:

- Umuryango ufite imibereho myiza muri rusange, abawugize bafatanyaga mu nshingano zose z'urugo ntawe uvunisha undi;
- Ni umuryango wateguwe kandi umugore n'umugabo nabo biteguye bihagije kubana neza;
- umuryango abawugize basobanukiwe ko u Rwanda ruhera mbere na mbere muri bo;
- ni umuryango usobanukiwe ko umwana ari ishema ry'umuryango bityo umugore n'umugabo bakaba bagomba gufata icyemezo cyo kubyara abana bashoboye kurera neza kandi n'Igihugu gishobora kwitaho;
- Ni umuryango abana barindwa kugwingira, bakaba abana batekanye , baganirizwa, bitaweho kandi bagakura neza maze bakarangwa n'ubumenyi kuko twabubahaye nk'umuryango;


- Ni umuryango usobanukiwe akamaro ko guha abana b'abakobwa n'ab'abahungu amahirwe angana;
- Ni umuryango abana barangwa n'imico myiza, bafite urukundo, bubaha abandi, bafite ikinyabupfura;
- Ni umuryango uha agaciro ibiganiro hagati y'abawugize haba mu bijyanye n'ubukungu, mu mibereho myiza n'ibindi byemezo bakabiganiraho kandi bakabyumvikanaho.
- Ni umuryango urengera uburenganzira bw'umwana muri rusange, urinda umwana ihohoterwa iryo ari ryose,
- ni umuryango kandi wita ku isuku y'abana, ku isuku y'urugo muri rusange ndetse n'ibikoresho byose birurimo.
- Ni umuryango urangwa n'ibyishimo n'amahoro, nta makimbirane n'ihohoterwa biharangwa
- Ni umuryango ubana neza n'abaturanyi kandi ukitabira gahunda zose z'igihugu.
- N'ibindi

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

- Amasezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana yemejwe ku wa 20 Ugushyingo 1989
- Amasezerano mpuzamahanga yo kuwa 18 Ukuboza 1979 yerekeye guca burundu ikandamizwa ry'abagore iryo ariryo ryose
- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.
- Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu
- Itegeko N°27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura
- Itegeko n° 51/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana icuruzwa ry'abantu no gushakira inyungu mu bandi;
- Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana

- Itegeko no 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iro ari ryo ryose rishingiye ku gitsina
- IMBUTO FOUNDATION, (2016).Tuganire Mwana wanjye, Kigali.
- HAGURUKA, (2018), Tumenye ibirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'amategeko arirwanya
- MIGEPROF (2015). Kigali, Noza imibanire mu muryango wawe, Kigali.
- MIGEPROF (2011). Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Kigali
- MIGEPROF (2010). Politiki y'igihugu y'Uburinganire, Kigali
- MIGEPRO (2016) Imirongo ngenderwaho y'umugoroba w'ababyeyi (UWA). Kigali
- MIGEPROF (2016). Imirongo ngenderwaho ijyanye n'ishyirwaho n'imikorere y'inshuti z'umuryango (IZU). Kigali

- MIGEPROF (2016). Uburere buboneye. Imfashanyigisho. Kigali
- MINISPOC, (2018). Indagagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Inyandiko Nyobozi, Kigali.
- MYICT (2013), Assessment about delinquency among female youth in Rwanda, Kigali.
- National Strategy for Transformation 1
- NEWMAN, D. (2008). Families: Sociological perspectives. 1st Edition. McGraw-Hill. Washington.
- NUR (2017). Imfashanyigisho ku bumwe n'ubwiyunge,
- PRO- FEMMES/ TWESE HAMWE (2016). Inyandiko mfashanyigisho ku burunganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda.
- Darmon (Muriel), 2001. «La socialisation, entre famille et école : observation d'une classe de première année de maternelle», *Sociétés & Représentations*, n°11.



*“Duharanire kugira umunyarwanda
ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima
bwiza, kandi ubayeho neza mu
muryango utekanye”*